# ABAHAMYA BABIRI




Icyigisho cya 6 cyo ku wa 11 Gicurasi 2024



"Ubwatsi buraraba uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose" (Yesaya 40:8)



Nyuma y'urupfu rw'abagorozi b'imena, ubugorozi bwaguye ikinya. Amatorero y'ivugururura yaguye mu butita, ubutagondwa no kutihanganirana.

Impinduka zikomeye zariho ziba mu isi mu bijyanye na politiki n'ubucurabwenge. Kubura amahwemo byabaye gikwīra kandi bitera bamwe bahunga ingo zabo bashakira ubufasha mu "karere k'abigenga" ari ko Amerika y'Amajyaruguru.

I Burayi, ikibazo cyatutumbye mu buryo bw'impinduramatwara. U Bufaransa bwigaragaje nka leta ya mbere yahakanye Imana mu Burayi bwa none.

Kugeza icyo gihe, Imana yari yararinze "abahamya babiri" bayo. Byabagendekeye bite muri ibyo bihe bikomeye byabayeho mu mateka?



**Abahamya babiri ni bande?**

**Batanze ubuhamya bwabo mu gihe kingana iki?**

**Bapfuye bate?**

**Ni ryari bazutse maze bakajya mu ijuru?**

**Nyuma yaho byagenze bite?**



# ABAHAMYA BABIRI NI BANDE?

"Abo bahamya ni bo biti bya elayo bibiri n'ibitereko by'amatabaza bibiri, bihagarara imbere y'Umwami w'isi" (Ibyahishuwe 11:4)

**Kuvuga ku biti bibiri by'imyelayo n'ibitereko by'amatabaza bibiri (Ibyahishuwe 11:4) bitujyana ku iyerekwa ryo muri Zekariya 4. Muri ryo, ibiti by'imyelayo bivamo amavuta agaburira igitereko cy'amatabaza gishamitse karindwi (Zekariya 4:1–3, 12).**

Ibiti by'imyelayo ni "ababiri bāsīzwe", bo hamwe n'igitereko cy'amatabaza, bishushanya "ijambo ry'Uwiteka" (Zekariya 4:6, 14). Ni ukuvuga Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya.






# ABAHAMYA BABIRI NI BANDE?

**Hakoreshejwe Mose na Eliya nk'ibigereranyo, Ibyahishuwe 11 havuga kuri aba bahamya babiri:**





| Bambaye ibigunira (3) | Bahagarara imbere y'Imana (4) | Iyo umuntu ashatse kubagirira nabi umuriro ubava mu kanwa (5) | Bakinga ijuru ngo imvura itagwa (6a) | Bahindura amazi amaraso bagateza isi ibyago (6b) |
|---|---|---|---|---|
| Mu bihe bishishana, Bibiliya yarazigamwe | Imana ntiyemeye ko ijambo ryayo ritsembwa | Ubutumwa bwa Bibiliya "butwika" abanzi bayo (Yeremiya 5:14) | Uhakana Bibiliya yamburwa imvura y'Umwuka Wera (amavuta). | Abize Bibiliya ni bo bonyine barokowe ibyorezo n'umwijima wo mu bya mwuka byo mu Gihe cy'Umwijima. |

**Nk'uko byagendekeye Mose na Eliya, Bibiliya yajyaga gutotezwa bikomeye; yajyaga kurwana na leta zihakana Imana; yajyaga gutwikanwa ubugome … Amateka yemeza neza isohozwa ry'ubu buhanuzi.**

# BATANZE UBUHAMYA BWABO MU GIHE KINGANA IKI?

"Abahamya banjye babiri nzabaha guhanura, bahanure iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu bambaye ibigunira." (Ibyahishuwe 11:3)



Ibyahishuwe 11 hatangirana n'iyerekwa ry'Ubuturo Bwera bwo mu Ijuru, ndetse n'abaramya imbere y'icyotero cy'imibavu (Ibyahishuwe 11:1).

Mu Rugo h'Ubuturo Bwera bwo mu Ijuru ni Isi, aho "Abanyamahanga" – abatizera – basiribanze "umurwa wera" – ni ukuvuga ubwoko bw'Imana – mu gihe cy'amezi 42 (umur. 2).

Muri kiriya gihe, Ijambo ry'Imana ryajyaga kwambara "ibigunira" – kunyura mu bishishana – (umur. 3) [amezi 42 x iminsi 30 = iminsi 1.260 (mu buhanuzi ni imyaka 1.260)].



Kuva mu mwaka wa 538, itorero ry'i Roma ryatangiye kwerereza buhoro buhoro imigenzo yaryo riyisimbuza Ijambo ry'Imana, rigera n'aho ribuzanya gusoma Bibiliya no guciraho iteka ry'urupfu abayitunze, abayisoma, cyangwa ababayeho bakurikije imyizerere yayo (inyigisho).

Hafi y'iherezo ry'icyo gihe, abagorozi bagize igihe cy'agahenge muri aka karengane (Matayo 24:22).

# BAPFUYE BATE?

"Kandi nibarangiza guhamya kwabo, inyamaswa izazamuka ivuye ikuzimu irwane na bo, ibaneshe ibīce" (Ibyahishuwe 11:7)



Ikuzimu havugwa mu Byahishuwe 11:7 herekeza ku hantu abadayimoni baba (Ibyahishuwe 9:11; 20:1–3; Luka 8:30–31). Inyamaswa isobanura ubutegetsi bwa politiki cyangwa idini (kimwe n'izindi nyamaswa zo mu Byahishuwe na Daniyeli).

Ni ubuhe butegetsi bwavumbutse mu mpera z'imyaka 1.260, ni ukuvuga ahagana mu 1798?

Impinduramatwara y'Abafaransa, yatangiye mu 1789, yabyaye icyiswe "ingoma y'iterabwoba" (1793–1794), byerekana neza uwari inyuma y'ubu butegetsi: Satani n'abadayimoni be. Ubu butegetsi buvugwa mu buryo butatu (Ibyahishuwe 11:8):



*Sodomu* : Impinduramatwara yatangije igihe cy'ubusambanyi bukoabije



*Egiputa* : Ubutegetsi bw'abahakanamana (Kuva 5: 2), nubwo butibujije kuramya "ikigirwamana cy'intekerezo"



*Aho Yesu yabambwe*: Igitambo cya Yesu cyajyaga kwangwa

Muri kiriya gihe, idini yavanyweho, Bibiliya iracibwa kandi iratwikwa.

"Ubutegetsi butemera Imana bwatwaraga U Bufaransa mu gihe cy'Impinduramatwara ndetse n'ingoma y'iterabwoba, byashoje intambara irwanya Imana n'ijambo ryayo ryera mu buryo bukomeye abatuye isi batigeze babona. Inama Nkuru y'igihugu yakuyeho gusenga Imana. Ibitabo bya Bibiliya byarakusanyijwe maze bitwikirwa mu ruhame kandi hakagaragazwa kubisuzugura mu buryo bwose bushoboka. Amategeko y'Imana yararibaswe. Ibigo byacapaga za Bibiliya birafungwa. Ikiruhuko cya buri cyumweru cyashyizwe ku ruhande, gisimburwa no kwinezeza no gutuka Imana buri munsi wa cumi. Umubatizo no guhabwa ifunguro ryera byarahagaritswe kandi ku marimbi hamanikwa amatangazo avuga ko urupfu ari ibitotsi by'iteka ryose."

E.G. White, *Intambara Ikomeye*, igice cya 15, p. 287

# NI RYARI BAZUTSE MAZE BAKAJYA MU IJURU?


“Iyo minsi itatu n’igice ishize, umwuka w’ubugingo uva ku Mana winjira muri bo baherako barahaguruka, ubwoba bwinshi butera ababibonye” (Ibyahishuwe 11:11)



Ku ya 26 Ugushyingo 1793, ubutegetsi bw’i Parisi (u Bufaransa) bwasohoye iteka rica idini. Iri teka ryasheshwe ku ya 17 Kamena 1797. Muri icyo gihe cy’imyaka itatu n’igice, U Bufaransa bwarishimye kandi bunezezwa no “bwibohora” igitugu cy’idini, kandi bugacecekesha ijwi rya Bibiliya (Ibyahishuwe 11:9–10).

Mu cyimbo cyo gucecekeshwa cyangwa kurimburwa, Bibiliya yahagurukanye ugukomera kuruta uko yahoranye mbere. Abamisiyoneri b’Abaprotestanti basākāje ubutumwa bwiza kugeza ku mpera z’Isi (Ibyahishuwe 11:11).

Wiliyamu Wiliberiforuse yashinze Umuryango wa Bibiliya wa mbere mu 1804 kugira ngo ukwirakwize Bibiliya mu bantu. Amakopi ya Bibiliya yikubye ibihumbi, kugeza ibaye igitabo cya mbere cyagurishijwe cyane ku isi. Kugeza ubu, gukwirakwiza Ijambo ry’Imana ni ntakumirwa. Yashyizwe n’Imana mu mwanya idashobora gutsembwa (Ibyahishuwe 11:12).



# NYUMA YAHO BYAGENZE BITE?

"Urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengero rwayo habonekamo isanduku y'isezerano ryayo, habaho imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, n'igishyitsi n'urubura rwinshi" (Ibyahishuwe 11:19)

Kuva ku "izuka" ry'abahamya babiri, igice cya nyuma cy'intambara ikomeye kiratangira: igihe cy'imperuka.

Iki gihe kizasozwa no Kugaruka kwa Yesu, ubwo ubwami bwose buzaba ubwa Yesu, kandi akaganza by'iteka ryose (Ibyahishuwe 11:15).


Icyo gihe kizabanzirizwa no kurakara kw'amahanga, kandi kizarangirana no kurimbuka kw'"abarimbura Isi" (Ibyahishuwe 11:18).

Ibi bintu byose bivugwa mu buryo bwo kuramya mu ijuru (Ibyahishuwe 11:16–17), gusozwa n'iyerekwa ry'Isanduku y'Isezerano mu Buturo Bwera bwo mu ijuru (Ibyahishuwe 11:19).

Kuko twamaze kugera mu "gihe cy'urubanza" (Ibyahishuwe 11:18), icyo urubanza rushingiyeho cyeretswe isi: amategeko icumi ari mu Isanduku y'Isezerano.



“Umwuka Wera yegereye umuntu wese ushakisha ijambo ataryarya, ngo amushoboze kuvumbura amabuye y’ukuri ahishwe. Umucyo w’Imana uza mu bwenge bwe, ukamushyiramo ukuri kumutera kwibonera iby’umumaro bishyashya. Yuzura ibyishimo atigeze kumenya. Amahoro y’Imana aba kuri we. Asobanukirwa n’iby’agaciro gaheranije k’ukuri kurenza uko yigeze kumenya. Umucyo wo mu ijuru urabagiranira ku Ijambo, ukarigaragaza nk’aho buri nyuguti yose itamirijwe izahabu nziza. Imana ubwayo ivugana n’umutima, igatera Ijambo ryayo kuwubera umwuka n’imibereho.”




E.G. White, *Reflecting Christ*, April 14